



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KW'UKWAKIRA 2021

10 Ugushyingo 2021

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKWAKIRA 2021

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2021. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 0,6% mu kwezi kw'Ukwakira 2021 ugereranyije n' Ukwakira 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -0,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 0,6% mu kwezi kw'Ukwakira ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 4,1% n'ibiciro by'ibirebana n'uburezi byiyongereyeho 19,2%.

Iyo ugereranyije Ukwakira 2021 n'Ukwakira 2020, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 2,7%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2021) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2021), ibiciro byiyongereyeho 0,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byazamutseho 0,4% n'ibiciro by'ibirebana n'uburezi byazamutseho 7,6%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ukwakira 2021, ibiciro mu byaro byagabanutseho 6% ugereranyije n'Ukwakira 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -4,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 6% mu kwezi kw'Ukwakira ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 14% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 11,6%.

Ugereranyije ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2021) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2021) ibiciro byagabanutseho 0,7%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,8%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ukwakira 2021 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 3,3% ugereranyije n'Ukwakira 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -3,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 3,3% mu kwezi kw'Ukwakira 2021 ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 10,6% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 6%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2021) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2021) ibiciro byagabanutseho 0,1%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,1%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukwakira 2020 kugeza m'Ukwakira 2021.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukwakira 2020 kugeza m'Ukwakira 2021													
<i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>													
	2020			2021									
	10	11	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	7,2	4,2	3,7	2,8	1,6	2,0	2,4	-0,1	-0,2	-0,4	-0,6	-0,9	0,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	10,9	4,7	4,1	4,0	2,7	1,5	3,0	0,7	0,3	-1,7	-2,8	-4,8	-6,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	9,3	4,5	3,9	3,5	2,2	1,7	2,7	0,4	0,1	-1,1	-1,8	-3,2	-3,3
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	-0,9	-1,0	-0,8	-0,3	0,4	1,4	0,2	-0,5	-0,2	0,0	0,3	0,6	0,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	0,6	-0,7	-1,7	-1,2	0,5	1,4	-1,6	-2,5	0,2	-0,4	0,6	-0,1	-0,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	0,0	-0,8	-1,3	-0,8	0,5	1,4	-0,9	-1,6	0,0	-0,3	0,5	0,2	-0,1

Isoko: Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw